

ICYAHA

Icyaha ni igikirwa cyose kinyuranyije n'itegeko n'amahame agenga uburyo bw'imibereho hagati y'Imana n'abantu,ubuyobozi ndetse n'umuryango mugari

Mu rwego rw'imyizerere,cyane cyane ubu kristo nubu isilamu,icyaha gifite inkomoko mw'ijuru kuko icyaha cya mbere ariho cyakorewe. Cyakora indi myizerere idashingiye ku kwizera kwa gikirisito,kiyahudi n'ubuyisilamu, cyane nk'ababudisite n'abahindu ukwizera kwabo gushingiye cyane ku gitekerezo cy'imibereho y'umuntu n'imyitwarire ibyo bikaba bituma gusobanukirwa inkomoko n'iyogera ry'icyaha bigorana kurisobanukirwa.

ICYO BIBILIYA IVUGA KU NKOMOKO Y'ICYAHA

Bibiliya nicyo gitabo cyambere kigaragaramo amateka y'inkomoko y'icyaha. Birakwiye kubanza tugasobanukirwa impamvu nyayo ituma twizere amakuru avugwa muri iki gitabo. Bibiliya sicyo gitabo cyambere cyanditswe,ntabwo aribyo. Bibiliya ni ibitabo byinshi bivuka ku nkuru imwe mu buryo butaziguye. Igitabo cya mbere kivugwamo amateka y'icyaha muri bibiliya ni kimwe mu bitabo bitanu bya mose byitwa pentateki. Ni igitabo cyitwa **Itangiriro**. Pentateki ni ijamba rikomoka mu kigiriki risobanura ibitabo bitanu. **Penta**: bitanu **Teki**: igitabo cyangwa umuzingo. Cyangwa se ibitabo bitanu. Mu kiyahudi ibyo bitabo byitwa tora kandi niyo nkingi yo kuramya kwabo.

Igitabo kivuga inkuru y'icyaha ,Itangiriro cyanditswe hagati y'ikinyejana cya 13-15 mbere ya Yesu. Igereranya rigaragaza ko ari hagati y'umwaka wa1200-1400 mbere ya Yesu.cyikaba cyarandikiwe mu butayu butandukanye nk'ubutayu bwa sinayi,ubutayu bw'i Kadeshi beruneyi ndetse n'ubundi butayu abisirayeli batinzemo tutibagiwe no mu bibaya by'imowabu.

Hari ikindi gitabo cyunganirwa n'Itangiriro kivuga inkuru y'icyaha mwijuru. Ni igitabo cy'umuhanuzi Ezekiyeli. Dore uko havuga:

Wahoze muri Edeni ya ngobyi y'Imana, umwambaro wawe wari ibuye ryose ry'igicro cyinshi, odemu na pitida na yahalomu, na tarushishi na shohamu na yasipi, na safiro na nofekina na bareketi n'izahabu, ubuhanga bwo kubaza amashako n'imyironge bwari iwawe, mu muni waremwe byose byari

biringaniye. Wari waras̄giwe kugira ngo ube umukerubi utwik̄ira, kandi nagushyizeho kugira ngo ube ku musozi wera w'Imana, wagendagenderaga hagati y'amabuye yaka umuriro. Wari utunganye bihebuje mu nzira zawe zose uhereye umunsi waremweho, kugeza igihe wabonetsweho gukiranirwa. Wuzuyemo urugomo ruzanywe n'ubugenza bwawe bwinshi bugutera gucumura, ni cyo cyatumye nkwirukana nk'uwanduye nkagukura ku musozi w'Imana. Narakurimbuye wa mukerubi utwik̄ira we, ngukura hagati ya ya mabuye yaka umuriro. Ubwiza bwawe ni bwo bwateye umutima wawe kwishyira hejuru, kubengerana kwawe ni ko kononnye ubwenge bwawe, nakujugunye hasi ngutangeriza imbere y'abami kugira ngo bakwitegereze. Ububi bwawe bwinshi no gukiranirwa kuva mu bugenza bwawe byatumye wanduza ubuturo bwawe bwera, ni cyo cyanteye gukongeza umuriro ukuvuyemo uragukongora, maze nguhindurira ivu imbere y'abakureba bose. Ezekiyezi 28:13-18.

Iyi ni inkuru ivuga icyaha cya mbere cyabayeho, aho cyabereye, uwagikoze ndetse nicyakurikiye gukora icyaha.

Uko byanditswe, uwakoze icyaha yari umu malayika wo mu bwoko bw'abakerubi. yari mwiza cyane kandi Imana yari yaramusize amavuta yo kubana nayo mu buturo bwayo ndetse no kugendera mu butware bw'Imana. Ariko nyuma y'igihe runaka, uyu mukerubi wari mwiza cyane yaje kwandura. kubera ubwiza yari afite, yarirebye abona ko ari uwo mu rwego ruhanitse, bimutera kwishyira hejuru (kutaganduka). Byongeye kandi, ubwenge bwe bwinshi bwononekajwe no n'ubwiza yari afite. Yagize ububi bwinshi (imigambi mibi) kandi yagaragaje gukiranirwa (imiganzereze mibi) aba umunyarugomo (ikigande) ubwo yari mu buturo bwera (ijuru).

Muri make umukerubi waciwe ariwe satani yirukanywe bitwewe n'icyaha cy'ubwibone aribwo bwakuze bukavamo urugomo, kwishyira hejuru ndetse bikamuhwanyirizwa no gukiranirwa. Nguko uko icyaha cyambere cyabayeho. Reka noneho tuvuge uko byagenze kugira ngo natwe twisange mu mimerere yo kwirukanwa mu bwiza bw'Imana biturutse ku cyaha.

“ariko igiti cy'ubwenge bumenyesha icyiza n'ikibi ntuzakirye, kuko umunsi wakiriyeho no gupfa uzapfa.” Itangiriro 2:17. Imana imaze kurema umuntu wa mbere ariwe Adamu, yamuhaye itegeko rimubuza kurya ku mbuto zo ku giti kimenyesha icyiza n'ikibi. Ushobora kwibaza impamvu Imana yarimo kubuza

umuntu yaremye mw'ishusho yayo kandi imukunze impamvu atagombaga kurya ku giti gikwiye kumumenyesha ikiza yakora ndetse n'ikibi yakirinda kandi birumvikana. Igisubizo si uko Imana itizeraga Adamu. si uko ari umutego yamuteze kugira ngo imenye ubudahemuka bwe, oya. icyatumye ishyiraho icyo giti, byari kugira ngo bigaragaze ko Imana yahaye ikiremwa muntu uburenganzira bwo gutekereza no gufata imyanzuro kandi ibyo nibyo byamutandukanyaga n'inyamaswa.

Kuko Imana yari izi icyo Adamu yari akwiriye kugira ngo azabeho iteka ryose kandi anezerewe we n'umuryango we. yari izi neza Adamu kandi yashakaga kumurinda. Nicyo cyatumye Imana imuha itegeko rimubuza kutayumvira kugira ngo adapfa. Dore aho ruzingiye, kubaha Imana byari igisubizo cyiza kurusha kutumvira icyategetswe. Amahame y'ubuyobozi bwo mw'isi, ajyana n'ihame ry'itegeko Imana yashyiriyeho umuntu kugira ngo rimurinde. Iyo leta ivuze ngo mwambare agapfuka munwa hanze hari icyorezo nimutabikora murashyirwa mu kato mucibwe n'amande. Ntago leta iba ibataye mu mutego wo kugira ngo ishyire abaturage mu kato cyangwa ngo ibace amande. Ahubwo ni uburyo bwo kubarinda kwandura icyorezo. Niko kwita kuba turage no kubakorera. Ariko iyo umuntu yanze kumvira iryo tegeko ibihano bikamugeraho ntago aba ari ikosa rya leta ahubwo ni ukutumvira kwe. Uko niko Imana yabigenje muri Edeni kuri Adamu na Eva. Yabikoranye urukundo no kubarinda.

Erega nzi ibyo nibwira nzabagirira! Ni amahoro si bibi, kugira ngo mbareme umutima w'ibyo muzabona hanyuma. Ni ko Uwiteka avuga. Yeremiya 29:11 uko niko Imana yagambiriraga kuri Adamu na Eva ubwo yabahaga rirya tegeko. yari izi ko muri ryo huzuyemo amahoro atari ibibi kandi ngo ibareme umutima wibyo yari yarabateguriye.

Nyuma yaho gato, wa mukerubi waguye azize icyaha, yaje kugera mu ngombyi ya Edeni aho Adamu na Eva bari batuye. Hanyuma uku niko byagenze:

Inzoka yarushaga uburiganya inyamaswa zo mu ishyamba zose, Uwiteka Imana yaremye. Ibaza uwo mugore iti "Ni ukuri koko Imana yaravuze iti 'Ntimuzanye ku giti cyose cyo muri iyi ngobyi?'"

Uwo mugore arayisubiza ati “Imbutu z'ibiti byo muri iyi ngobyi twemererwa kuzirya, keretse imbutu z'igiti kiri hagati y'ingobyi ni zo Imana yatubwiye iti ‘Ntimuzazirye, ntimuzazikoreho, mutazapfa.’”

Iyo nzoka ibwira umugore, iti “Gupfa ntimuzapfa, kuko Imana izi yuko ku munsu mwaziriyeho, amaso yanyu azahweza mugahindurwa nk'Imana, mukamenya icyiza n'ikibi.”

Uwo mugore abonye yuko icyo giti gifite ibyokurya byiza, kandi ko ari icy'igikundi, kandi ko ari icyo kwifuriza kumenyesha umuntu ubwenge, asoroma ku mbuto zacyo, arazirya, ahaho n'umugabo we wari kumwe na we, arazirya. Amaso yabo bombi arahweza, bamenya yuko bambaye ubusa, badoda ibibabi by'imitini, biremeramo ibicocero.

Bumva imirindi y'Uwiteka Imana igendagenda muri ya ngobyi mu mafu ya nimunsi, wa mugabo n'umugore we bihisha hagati y'ibiti byo muri iyo ngobyi amaso y'Uwiteka Imana. Uwiteka Imana ihamagara uwo mugabo, iramubaza iti “Uri he?”

Arayisubiza ati “Numvise imirindi yawe muri iyi ngobyi, ntinyishwa n'uko nambaye ubusa, ndihisha.”

Iramubaza iti “Ni nde wakubwiye ko wambaye ubusa? Wariye kuri cya giti nakubujije kuryaho?” Uwo mugabo arayisubiza ati “Umugore wampaye ngo tubane, ni we wampaye ku mbuto z'icyo giti, ndazirya.” Uwiteka Imana ibaza uwo mugore iti “Icyo wakoze icyo ni iki?” Uwo mugore arayisubiza ati “Inzoka yanshukashutse ndazirya.”

Uwiteka Imana ibwira iyo nzoka iti “Kuko ukoze ibyo, uri ikivume kirengeje amatungo yose n'inyamaswa zo mu ishyamba zose, uzajya ugenda ukurura inda, uzajya urya umukungugu iminsi yose y'ubugingo bwawe. Nzashyira urwango hagati yawe n'uyu mugore, no hagati y'urubyaro rwawe n'urwe, ruzagukomeretsa umutwe nawe uzarukomeretsa agatsinsino.”

Kandi Uwiteka Imana ibwira uwo mugore iti “Kugwiza nzagwiza cyane umubabaro wawe ufite inda: uzajya ubyara abana ubabara, kwifuza kwawe kuzaherera ku mugabo wawe, na we azagutwara.”

Na Adamu iramubwira iti “Ubwo wumviye umugore wawe ukarya ku giti nakubujije ko utazakiryaho, uzaniye ubutaka kuvumwa. Iminsi yose yo kubaho kwawe uzajya urya ibibuvamo ugombye kubiruhira, buzajya bukuumereramo imikeri n'ibitovu, nawe uzajya urya imboga zo mu murima. Gututubikana ko mu maso hawe ni ko kuzaguhesha umutsima, urinde ugeza ubwo uzasubira mu butaka kuko ari mo wakuwe: uri umukungugu, mu mukungugu ni mo uzasubira.”

Uwo mugabo yita umugore we Eva, kuko ari we nyina w'abafite ubugingo bose. Uwiteka Imana iremera Adamu n'umugore we imyambaro y'impu, irayibambika.

Uwiteka Imana iravuga iti “Dore uyu muntu ahindutse nk'imwe yo muri twe ku byo kumenya icyiza n'ikibi, noneho atarambura ukuboko agasoroma no ku giti cy'ubugingo, akarya akarama iteka ryose.” Ni cyo cyatumye Uwiteka Imana imwirukana muri ya ngobyi muri Edeni, kugira ngo ahinge ubutaka yavuyemo. Nuko yirukana uwo muntu, kandi mu ruhande rw'iyi ngobyi yo muri Edeni rwerekeye iburasirazuba, ishyiraho Abakerubi n'inkota yaka umuriro, izenguruka impande zose, ngo ibuze inzira ijya kuri cya giti cy'ubugingo.

Satani amaze kwitiza ishusho y'inzoka yakoze ibyo yakoze n'ubundi mw'ijuru. Nkuko yashutse aba malayika benshi bakirunanwa nawe, niko yaje gushuka Adamu na Eva kugira ngo nabo bahinduke ibivume bacibwe mu buturo bw'Imana. Nta kindi kintu satani yari gukora kugira ngo akomeze arwanye Imana adakoresheje icyavuye mu rukundo rw'Imana aribo Adamu na Eva. Yego yageze ku mugambi we. Ndetse kubaho kwa satani kugira ubusobanuro ku kubaho kw'abantu.

Iyi ncuro noneho icyaha cy'ubwibone no kwigomeka cyakorewe mw'ijuru gikozwe na Satani cyari kimaze kubyara umwana w'imfura witwa kutumvira. Kutumvira kwabaye umuzi wa kabiri wacomotsweho n'ibyaha byose.

Kuva icyo gihe, hashize imyaka ibihumbi byinshi cyane kandi icyaha cyagiye kihinduriza mu buryo butandukanye. Gusa nubwo ari uko byari bimeze, Imana ntago yigeze itererana ikiremwa muntu. Yakomezaga kwita ku murimo utangaje w'amaboko yayo. Yari izi neza ko yaremye umuntu mw'ishusho yayo. Yahoraga yiteze ko umuntu azagaruka akayumvira kandi agaca bugufi. Ni nako satani yakomezaga guhimba amayeri menshi kandi avumbura ikirungo cy'icyaha kitwa

kubatwa. Kubatwa ni imimerere yo kuzirikwa n'ingeso cyangwa igikorwa runaka ku buryo kubireka bigora kandi bisa n'ibidashoboka. Satani we yazanye ububata bw'icyaha. Umusingi ukomeza icyaha ni ukubatwa. ni umwuka wa satani kuko nawe watumye abatwa no gukora ibizira. Ububata bwa satani nabwo bufite ububata bwabo. Nyuma y'uko abamalayika bacumuye bakambara imibiri y'abantu bakamanuka kw'isi bagashaka abagore bakava mu buturo bwabo Imana yari yarabateguriye, bagize inkomanga ku mutima bifuza gusubira mw'ijuru. Binginze cyane umuntu w'Imana ngo abingingire gusa Imana yanze ubusabe bwabo maze ibahanisha kuba abadayimoni (abamalayika baguye bazize icyaha). Baraje bifatanyaga n'abari baraguye mbere bamanukanye na satani maze bayogoza isi. Nibo bateza ubusinzi, ubusambabyi, ubwicanyi, intambara, urugomo, kubeshya, inzangano, amashyamba, ubwibone ndetse n'ibindi byose bizira. Buri cyaha gihagarariwe n'umudayimoni ugitera. Ibyo bihindura icyaha umwuka kandi kikanagaragara mu mubiri.

Imana yatanze amategeko arenga ibihumbi byinshi kugira ngo akumire abantu gukora icyaha. Ibyo byaragoranye cyane gutanga igisubizo kirambye. Nyuma Imana yatanze umwana wayo ho incungu kugira ngo umwizera wese abohoke ku ngoyi y'icyaha maze abeho.

Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho. Yohana 3:16

uko niko rya tegeko Imana yatanze mu busitani bwa Edeni ryari kuzarinda umuntu gupfa azize kutumvira yaje kongera kuritanga binyuze mu mwana wayo Yesu Kristo kugira ngo uzizera muri uwo mwana (rya tegeko) atazarimbuka (atazapfa). Nkuko rya tegeko ryo muri Edeni ryakomezagwa no kuryumvira, niko kubona ubugingo binyuze mu mwana wayo Yesu Kristo (itegeko rishya) bikomezwa no kumwizera.

Amategeko yagombaga kurinda abantu gucumura, yicishije benshi kuko yari aremereye ariko na none yakijije benshi bayumviye kuko yakiranukaga. Incugu y'icyaha hari ubwo yasabaga ibitambo. Hari n'igihe kugira ngo amategeko akure icyaha muri rubanda byasabaga ko uwakoze icyaha yicwa. Nguko uko kuremera kw'amategeko kwaremereraga n'abantu basanzwe baremerewe n'icyaha. Nuko kubera urukundo rw'Imana rwinshi imaze kubona ko gukiranuka ku cyaha abiheshejwe no kumvira amategeko bikomereye abantu cyane kandi kurimbuka kwegereza, itanga umwana wayo Yesu Kirisito ho igitambo aricyo ncungu y'icyaha.

Hashize imyaka irenga ibihumbi bibiri ubuzima bwabo bamwizeye buhinduka buri muni. Hashize imyaka ingana gutyo abamwizeye bose bakira kubatwa n'ibyaha. Iyo Yesu akubabariye ibyaha byawe ahitwa anakiza indwara zawe. Arakomeje kubohora ababoshywe na ya ntware ya satani yo kubatwa n'ibyaha. Yesu aracyakora kugeza uyu muni. Yuzuye imbabazi n'urukundo. Muri we harimo imbabaraga itsinda icyaha, yirukana abadayimon. ni imbaraga itera guhindukira tukava mu bibi byinshi. Abinjira muri we bahinduka abana b'Imana kandi Imana irabarinda, irabakomeza, ibahindurira amateka, ibavana mu gisekuruza cy'ibyaha, isiba urwandiko satani abaregesha arirwo rw'ibyaha. Urwo yarukujeho kurumanika ku musaraba maze azuka ari umunyabigwi. Iyo satani yumvise iryo zina rya Yesu arahunga kandi angendana n'ibibi bye byose. Urashaka gukizwa? Birashoboka kandi ni Ubuntu. Dore ibyaha bisaba ibishoro n'ibiguzi by'amafaranga nyamara gukizwa ni Ubuntu. Gukizwa bisaba kwizera Yesu akagukiza ibyo byaha byakubase.

Humura aragukunda. Imana yaremye ibintu byose kugira ngo bikugirire umumaro kandi ubitegeke. Ntago yakuremeye ubukene. Ntago yakuremeye kwicwa n'inzara. Ntago yakuremeye kurimbukira mu byaha. Nziko iyo mimerere itakunejeje kandi itakunyuze. Nzi neza ko umaze igihe ugerageza kwirwanirira ariko bikanga. Iki nicyo gihe cyo kwemera umwami Yesu akabyikorera. Umva isezerano:

Nduburira amaso yanjye ku misozi, Gutabarwa kwanjye kuzava he? Gutabarwa kwanjye kuva ku Uwiteka, Waremye ijuru n'isi. Ntazakundira ibirenge byawe ko biteguza, Ukurinda ntazahunikira. Dore urinda Abisirayeli, Ntazahunikira kandi ntazasinzira. Uwiteka ni we murinzi wawe, Uwiteka ni igicucu cyawe iburyo bwawe. Izuba ntirizakwica ku manywa, Cyangwa ukwezi nijoro. Uwiteka azakurinda ikibi cyose, Ni we uzarinda ubugingo bwawe. Uwiteka azakurinda amajya n'amaza, Uhereye none ukageza iteka ryose. Zaburi 121.

Iri ni isezerano Imana igiranye nawe uyu muni niba uhisemo kwizera Yesu. Imana izakurinda, izabana nawe, izagutunga, izaguhindurira ubuzima, izaguha umugisha ndetse nawe iguhindure umugisha ku bandi. Uri ikimenyetso cy'urukundo rw'Imana. Uri umukundwa. Impamvu ya kabiri itumye abamalayika bariho itari kuramya Imana ni ukugira ngo bagukorere, bakurinde. Wowe urusha agaciro isi mu maso y'Imana. Urusha agaciro bose. Nicyo gituma satani akurwanya cyane kandi akuyobwa akujyana mu byaha. Nuko azi neza ko ibyo Imana yaguteguriye ndetse

n'imigambi Imana igufiteho ihebuje kurusha byose. Ese waraguye? Ni ikimenyetso cy'uko wari uhagaze. Nicyo gihe cyo kubwira Yesu ko ugarutse uko umeze kose. We guheranwa n'agahinda, we kwinangira umutima. Dore urukundo ruraguhamagara. Dore ubuzima buragushaka. Haguruka . baduka mw'izina rya Yesu kirisito. Dore ijuru n'isi birakurindiriye kugira ngo bigucire urubanza cyangwa ugororerwe. Hitamo ibyiza wange ibibi. Hitamo ubuzima wange urupfu. Hitamo Yesu wange satani. Hindukirira ubutumwa bwiza utere umugongo amajwe ya satani n'ibishuko bye. Wowe nuhinduka, n'abandi nabo bazahinduka. Hari benshi bazahinduka kuko nawe wahindutse. Hari benshi bazabaho kuko nawe wabonye ubuzima. Imiryango izakira kubera wowe. Sosiyete n'umuryango mugari uzakira kuko wakize nawe. Icyo nicyo Imana igushakaho. Ni uko uba umufatanyabikorwa wayo mu kumenyesha abandi Ubuntu bukiza ndetse no kubereka inzira kandi inzira ni Yesu Kirisito. Satani ye kukongorera akubwira ukuntu uciriritse kandi udakwiriye. Imana yo ikubonamo umufatanyabikorwa ndetse na ambasaderi mwiza. Ntago Imana yitaye kundeshyo yawe, ku mubiri wawe cyangwa ibyaha wakoze. Imana yitaye ku mutima wawe n'ubuzima bwawe. Uri ururabo. Nkuko binezeza amaso kurureba, ni nako bishimisha Imana kukureba. Urakunzwe cyane. Ngaho emera urwo rukundo. Nonese niba urukundo rw'abantu rukunyura, gukundwa n'umuremyi w'ijuru n'isi ntibiruta cyane urukundo rw'abantu?

Sengana nanjye iri sengesho niba ushaka gukizwa ukava kwa satani mu byaha no kugarukira Yesu niba waraguye:

Mwami Yesu,menye neza ko ubuzima bwanjye bugengwa n'ubuntu bwawe. Natuye ibyaha byanjye mbabararira. Menye ko ndi umwana w'Imana kandi naremewe ubuzima bwera bwuzuyemo umugisha. Mpisemo kuba uwo ushaka ko mba we,ndagusanze mwami mbabarira ibyo nagucumuyeho. Mpisemo ubuzima mu kimbo cy'urupfu. Mpisemo gukiranuka mu kimbo cy'ibyaha. Mpisemo wowe mwami Yesu mu kimbo cya satani.

Hanyuma wegere itorero rikwegereye cyangwa ushatse irya gikirisito ubamenyeshe umwanzuro wafashe kugira ngo bagukurikirane kandi ubatizwe mu mazi menshi kugira ngo utangire ubeho ubuzima bw'umugisha uharekejwe n'isezerano rya Yesu Kirisito. Ibyiza byose Imana itanga bikugereho n'ibyaweho byose kandi gahunda ni ukuzahurira mw'ijuru.

